



**REPUBLIKA Y'U RWANDA**  
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**



**IBIBAZO BIKUNZE KWIBAZWA KU MATORA Y'ABADEPITE  
N'IBISUBIZO BYATANGWA**

## **ISHAKIRO**

1. Kuki hazaba amatora y'Abadepite muri Nzeri 2018 ? .....	.3
2. Ilisiti y'itora izakosorwa mu Midugudu ryari? .....	.3
3. Ni bande batemerewe kwiyandikisha kw'ilisiti y'itora? .....	.3
4. Kwireba no kwimurwa ku ilisiti y'itora hakoreshejwe ikoranabuhanga bizakorwa bite kandi ryari? ...	3
5. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora izatangira kwakira indorerezi z'amatora ryari?.....	.3
6. Indorerezi z'amatora n'abahagarariye abakandida bazakurikirana aya matora? .....	.3
7. Kwakira kandidature z'abifusa kuba Abadepite bizaba ryari kandi hehe? .....	.4
8. Ninde wemerewe kuba Umukandida Depite?.....	.4
9. Inyangamugayo ni umuntu urangwa n'iki?.....	.4
10. Ni ibiki bigomba guherekeza dosiye y'umukandida depite? .....	.4
11. Ni ibiki by'umwihariko bisabwa umukandida wigenga? .....	.5
12. Ni ibiki bisabwa abantu basinyira Umukandida wigenga? .....	.5
13. Kuki Abadepite mubyo basabwa hatarimo ibijyanye n'amashuri bize? .....	.5
14. Ni bihe byiciro by'Abadepite bizatorwa mu matora y'uyu mwaka?.....	.5
15. Abadepite bava mu byiciro byihariye batorwa na bande? .....	.6
16. Kwiyamamaza kw'Abakandida bizatangira ryari;.....	.6
17. Leta igenera inkunga abakandida mu gihe cyo kwiyamamaza?.....	.6
18. Ni ibiki bibujije mu gihe cyo kwiyamamaza? .....	.6
19. Uwamaze kwemezwa nk'Umukandida ashobora gukurwa ku ilisiti y'Abakandida? .....	.7
20. Amatora y'Abadepite azaba ryari? .....	.7
21. Ni bande bemerewe gutora? .....	.7
22. Abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora) bazatorwa Abadepite? .....	.7
23. Abanyeshuri bagejeje igihe cyo gutora bazatorera he mu itora ryo ku wa 03/09/2018? .....	.7
24. Abafite ubumuga bwo kutabona bazoroherezwa gutora? .....	.7
25. Ni ubuhe buryo buzakoreshwa mu gutora?.....	.8
26. N'inde wemerewe kwinjira mu cyumba cy'itora?.....	.8
27. Ni ibihe byangombwa uje gutora yitwaza? .....	.8
28. Ni bande bemerewe gutorera aho batiyandikishije? .....	.8
29. Nyuma yo gutora imyanya y'Abadepite rusange 53 isaranganywa ite?.....	.9
30. Inteko Ishinga Amategeko igizwe n'imitwe ingahe? .....	.9
31. Ni izihe nshingano z'ibanzé z'Inteko Ishinga Amategeko? .....	.9
32. Ni izihe Nshingano z'Umutwe w'Abadepite?.....	.9
33. Ni izihe nshingano za Sena?.....	.9

## **1. Kuki hazaba amatora y'Abadepite muri Nzeri 2018 ?**

Manda y'Abadepite ni imyaka itanu (5) ibarwa uhereye umunsi barahiriye. Abadepite bari mu Nteko Ishinga Amategeko umutwe w'Abadepite batowe muri Nzeri 2013, barahira ku itariki ya 04/10/2013. Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga amatora y'Abadepite ateganjwe agomba gukorwa hasigaye iminsi itari munsi ya 30 kandi itarenga 60 ngo manda yabo irangire. Ni yo mpamvu amatora y'Abadepite y'uyu mwaka azaba ku ya 02, 03 na 04/09/2018.

## **2. Ilisiti y'itora izakosorwa mu Midugudu ryari?**

Ilisiti y'itora izakosorwa muri buri Mudugudu **kuva tariki 05-26/05/2018**.

## **3. Ni bande batemerewe kwiyandikisha kw'ilisiti y'itora?**

Abatemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora ni :

- 1) uwambuwe n'Inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira bwo gutora akaba ataranaganwaho ubwo busembwa cyangwa ngo ahabwe imbabazi zemewe n'amategeko;
- 2) uwakatiwe burundu kubera icyaha cy'ubwicanyi n'ubuhotozi;
- 3) uwakatiwe burundu kubera icyaha cya jenoside cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu;
- 4) uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya abana;
- 5) uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya ku gahato;
- 6) umuntu ufunze;
- 7) impunzi.

## **4. Kwireba no kwimurwa ku ilisiti y'itora hakoreshejwe ikoranabuhanga bizakorwa bite kandi ryari?**

Kwireba no kwiyimura hakoreshejwe telefoni igandanwa bizakorwa kuva mu ntangiriro ya Gicurasi kugera 16/08/2018. Kubikora kuri mudasobawa bizatangira kuri 14/05 birangire ku wa 16/08/2018.

Ukoresheje Telefoni igandanwa biroroshye kwireba cyangwa kwiyimura ku ilisiti y'itora.

4.1. **KWIREBA** ku ilisiti y'itora: ujya ahandikwa ubutumwa ukandika **NEC\*N°ID\*itariki y'amavuko**, ukohereza kuri **7505** (\* ni umwnya usigara). EX: NEC 1198580034861047 01011982► 7505. Ntutinda kubona igisubuzo kikubwira amazina yawe, aho wanditse kandi niba ushobora cyangwa udashobora gutora. Usaanje udashobora gutora, abakozi ba NEC bakurebera impamvu.

4.2. **KWIMUKA** ku ilisiti y'itora: ujya ahandikwa ubutumwa ukandika: **Kwimuka\*N°ID\* itariki y'amavuko\*Akarere\*Umurenge\*Akagari\*Umudugudu** (ushaka gutoreramo), ukohereza kuri **7505**. EX: Kwimuka 1198580123456789010211985 Kicukiro Kigarama Bwerankoli Nyenyeri►7505. Uhita ubona igisubizo kikubwira ko wimuwe, cyangwa ko utimuwe. Niba utimuwe ubaza impamvu abakozi bo muri NEC.

## **5. Komisiyo y'Ighugu y'Amatora izatangira kwakira indorerezi z'amatora ryari?**

Indorerezi z'amatora zizatumirwa kuva tariki ya 01 Gicurasi, zakirwe kugeza tariki ya 02 Nzeri 2018.

## **6. Indorerezi z'amatora n'abahagarariye abakandida bazakurikirana aya matora?**

Yego, indorerezi z'amatora n'abahagarariye Imitwe ya Politiki cyangwa Abakandida bigenga babiherewe uburenganzira bemerewe gukurikirana ibikorwa by'amatora y'Abadepite.

## **7. Kwakira kandidature z'abifuza kuba Abadepite bizaba ryari kandi hehe?**

Komisiyo y'Ighugu y'Amatora izakira kandidatire z'abifuza kuba Abadepite hagati ya taliki ya **12 na 25 Nyakanga 2018**. Muri icyo gihe, kandidatire zizakirirwa ku cyicaro cya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora mu minsi no mu masaha y'akazi.

## **8. Ninde wemerewe kuba Umukandida Depite?**

Uwemerewe kuba umukandida ni Umunyarwanda wese:

1. wujuje nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko ku munsi w'itora;
2. w'inyangamugayo;
3. utazitiwe n'imwe mu nzitizi ziteganywa n'amategeko.

## **9. Inyangamugayo ni umuntu urangwa n'iki?**

Inyangamugayo ni Umunyarwanda wese urangwa n'ibi bikurikira:

- a. Utarahamwe n'icyaha cya jenoside;
- b. Utarahamwe n'icyaha cy'ivangura n'amacakubiri;
- c. Utarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kirenze cyangwa kingana n'amezi atandatu (6);
- d. Wahanaguweho ubusembwa mu gihe yaba yarakatiwe igihano cy'igifungo kirenze cyangwa kingana n'amezi atandatu (6);
- e. Utarahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerez ya jenoside;
- f. Utarirukanwe burundu mu bakozi ba Leta;
- g. Utarahamwe na ruswa n'icy'inyereza ry'umutungo rusange<sup>1</sup>.

## **10. Ni ibiki bigomba guherekeza dosiye y'umukandida depite?**

Dosiye y'abakandida igomba guherekeza n'ibi bikurikira:

- 1) amazina yose ahwanye n'ari mu ikarita ndangamuntu ye;
- 2) umwirondoro ugaramo:
  - a) umwuga we;
  - b) aho yavukiye n'itariki y'amavuko;
  - c) aho atuye;
- 3) icyemezo cye cy'amavuko gitangwa n'urwego rw'Ighugu rubifitiye ububasha;
- 4) amafoto ye abiri (2) magufi y'amabara;
- 5) fotokopi y'ikarita ndangamuntu ye;
- 6) fotokopi y'ikarira y'itora ye;
- 7) icyemezo cye cy'ubutabera kitarengeje amezi atatu (3) gitanzwe n'urwego rubifitiye ububasha kigaragaza ko umuntu atigeze akatirwa cyangwa yakatiwe igihano cy'igifungo;

---

<sup>1</sup> Ingingo ya 2 n'iya 101 z' y'itegeko n°27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu.

8) ikiményetso cy'umutwe wa Politiki cyangwa icy'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki gishyirwa ku rupapuro rw'itora.

## **11. Ni ibiki by'umwihariko bisabwa umukandida wigenga?**

By'umwihariko umukandida wigenga asabwa:

- urutonde rw'abantu bangana nibura na magana atandatu (600) bashyize umukono ku ilisiti ye mu gihugu hose, banditse ku ilisiti y'itora, kandi barimo nibura cumi na babiri (12) bazarurirwa muri buri Karere;
- ikiményetso kimuranga gishyirwa ku rupapuro rw'itora;
- icyemezo yasinye gihamya ko inyandiko zose yatanze muri dosiye ye zihuje n'ukuri.

## **12. Ni ibiki bisabwa abantu basinyira Umukandida wigenga?**

Abantu nibura 600 bashyigikiye kandidatire y'Umukandida wigenga bagomba kuba banditse ku ilisiti y'itora. Muri bo abantu 12 baturuka muri buri Karere bagomba kuba bafite ikanita ndangamuntu yatangiwe muri ako Karere kandi banditse ku ilisiti y'itora y'ako Karere.

Gusinyisha abashyigikiye Umukandida bikorwa n'umukandida ubwe cyangwa n'abamufasha muri icyo gikorwa, bemerwe gutora kandi yamenyesheje mu nyandiko Akareree n'uhagarariye Komisiyo y'Ighugu y'Amatora muri Zone Akarere karimo.

Urutonde rw'abasinyiye Umukandida wigenga rugomba kugaragaza ibikurikira ku wasinye wese:

- 1) Amazina y'uwasiyene nk'uko yanditse mu ndangamuntu;
- 2) Nomero y'indangamuntu;
- 3) Nomero y'ikanita y'itora;
- 4) Nomero za telefoni z'uwasiyene;
- 5) Aho atuye;
- 6) Umukono w'uwanusinyiye.

## **13. Kuki Abadepite mubyo basabwa hatarimo ibijyanye n'amashuri bize?**

Abatorerwa **guhagararira abaturage** nta mashuri basabwa ku nzego zose, uretse Abasenateri. Ababatora bihitiramo bashingiye ku cyizere, ubushobozi n'ubunyangamugayo bw'abakandida, cyane ko byagaragaye ko guhagararira neza abaturage bitajyana n'umubare w'amashuri Umudepite yize. Icyakora mu Nzego z'Ibanze iyo uhagarariye abaturage ashatse kujya muri Biro y'Inama Njyanama cyangwa muri Komite Nyobozi y'urwego arimo, hari amashuri asabwa.

## **14. Ni bihe byiciro by'Abadepite bizatorwa mu matora y'uyu mwaka?**

Abadepite bose bazatorwa bangana na mirongo inani (80), batorwa mu byiciro bine (4) bikurikira:

- ❖ Amatora rusange atorwamo Abadepite 53;
- ❖ Amatora aziguye atorwamo Abadepite 24 b'Abagore;
- ❖ Amatora aziguye atorwamo badepite 2 mu Urubyiruko;
- ❖ Amatora aziguye atorwamo Umudepite 1 utorwa mu Bafite Ubumuga.

Abaturage bose batora abadepite 53 baturaka mu mitwe ya Politiki no mu bakandida bigenga.

## **15. Abadepite bava mu byiciro byihariye batorwa na bande?**

15.1 Inteko itora abadepite 24 b'Abagore igizwe n'abakurikira:

1) Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Ighugu y'Abagore

- ku rwego rw'Ighugu;
- ku rwego rw'Intara cyangwa Umujiyi wa Kigali;
- ku rwego rw'Uturere tugize ifasi y'itora
- ku rwego rw'Imirenge yose igize ifasi y'itora;
- ku rwego rw'Utugari twose tugize ifasi y'itora;
- ku rwego rw'Imigugudu yose igize ifasi y'itora;

2) Abagize Inama Njyanama:

- z'Uturere tugize ifasi y'itora (Intara cyangwa Umujiyi wa Kigali);
- z'Imirenge yose igize ifasi y'itora

15.2 Abadepite 2 b'Urubyiruko batorwa n'Inteko itora igizwe na Komite Nyobozi y'Inama y'Ighugu y'Urubyiruko ku rwego rwa buri Karere no ku rwego rw'Ighugu.

15.3 Umudepite umwe (1) utorwa mu bafite ubumuga atorwa n'abakurikira:

- 1) Inteko itora igizwe n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Ighugu y'abantu bafite ubumuga:
  - ku rwego rw'Ighugu;
  - ku rwego rw'Intara n'Umujiyi wa Kigali;
  - ku rwego rw'Uturere;
- 2) Abahuzabikorwa b'Inama y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Imirenge.

## **16. Kwiyamamaza kw'Abakandida bizatangira ryari?**

Kwiyamamaza kw'Abakandida bizatangira tariki ya **13 Kanama 2018** birangire umunsi umwe mbere y'amatora ni ukuvuga tariki ya **01 Nzeri 2018**.

## **17. Leta igenera inkunga abakandida mu gihe cyo kwiyamamaza?**

Leta nta nkunga igenera abakandida mu gihe cyo kwiyamamaza, icyakora nyuma y'amatora abakandida babonye nibura 5% by'amajwi y'abatoye neza bahabwa amafanga angana akurwa ku ngengo y'imari ya Leta.

## **18. Ni ibiki bibujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza?**

### **Ibibujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza n'ibi bikurikira:**

- 1) gukoresha umutungo wa Leta aho waba uri hose mu buryo bunyuranyije n'amategeko;
- 2) gutuka cyangwa gusebya mu buryo ubwo ari bwo bwose undi mukandida;
- 3) Gukoresha ruswa;
- 4) kumanika amafoto cyangwa inyandiko no gukorera inama zo kwiyamamaza ahatabigenewe;
- 5) Kwiyamamaza mu gihe kitagenwe n'Amategeko n'Amabwiriza agenga amatora;

- 6) gushingira ku bwoko, ku isano muzi, ku karere, ku idini no ku bundi buryo bwose bushingiye ku ivangura n'amacakubiri;
- 7) icyahungabanya amahoro, ubumwe n'umutekano rusange by'Abanyarwanda;
- 8) guhamagarira abatora kwiba amajwi cyangwa gukora ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose n'imyifatire yose byatuma amatora atagenda neza;
- 9) kwiyamariza ahantu hatamenyeshejwe ubuyobozi nk'uko biteganywa n'Amategeko;
- 10) Mu biganiro mpaka no mu nama z'abaturage, abakandida n'ababahagarariye bagomba kwirinda gukoresha imvugo, amashusho n'ibimenyetso ibyo aribyo byose byateza imvururu cyangwa amacakubiri mu baturage;

## **19. Uwamaze kwemezwa nk'Umukandida ashobora gukurwa ku ilisiti y'Abakandida?**

Yego, Umukandida wamaze kwemezwa burundi ashobora gukurwa ku ilisiti y'Abakandida na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora iyo atubahirije amategeko n'amabwiriza ajyanye n'igikorwa cyo kwiyamamaza, mu gihe akuyemo kandidature ku bushake cyangwa bigaragaye ko inyandiko n'ibyangombwa yatanze mu gihe cyo gutanga kandidatire bidahuje n'ukuri.

## **20. Amatora y'Abadepite azaba ryari?**

Amatora y'Abadepite azaba ku matariki atandukanye akurikira:

Tariki ya **02/09/2018** amatora y'abadepite 53 azaba mu mahanga, naho mu Rwanda hatorwe Umudepite umweutorwa mu bafite ubumuga. Tariki ya **03/09/2018** amatora azaba mu Rwanda hatorwa Abadepite rusange 53, batangwa n'imitwe ya politiki, amashyirahamwe y'imitwe ya politiki cyangwa abakandida bigenga.

Tariki ya **04/09/2018** hazaba amatora aziguye azavamo:

- Abadepite b'abagore makumyabiri na bane (24) bagize 30% byUmutwe w'Abadepite.
- Abadepite babiri (2) baturuka mu Rubyiruko,

## **21. Ni bande bemerewe gutora?**

Abemerewe gutora ni Abanyarwanda bose:

- Bujuje nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko umunsi w'itora;
- Biyandikishije ku ilisiti y'Itora.

## **22. Abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora) bazatorera Abadepite?**

Yego, Abanyarwanda baba mu mahanga bagejeje igihe cyo gutora bari ku ilisiti y'itora bazatorera Abadepite. Bazatorera muri z'Ambasade z'Urwanda n'ahandi hazashyirwa ibiro by'itora. Ayo matora azaba tariki ya **02/09/2018**.

## **23. Abanyeshuri bagejeje igihe cyo gutora bazotorera he mu itora ryo ku wa 03/09/2018?**

Abanyeshuri bazotorera aho biyandikishije mu gihe cyo kuvugurura ilisiti y'itora.

## **24. Abafite ubumuga bwo kutabona bazoroherezwa gutora?**

Abafite ubumuga bwo kutabona bazagenerwa uburyo buzabafasha gutora ku giti cyabo ntawe ubafashije, icyakora ubwo buryo ntibukuraho uburenganzira busanzwe ko ubyifuje yakwifashisha umuntu ufite imyaka 14 ariko atarageza ku myaka 18.

## **25. Ni ubuhe buryo buzakoreshwa mu gutora?**

Abadepite bazatorwa mu buryo buziguye cyangwa butaziguye kandi mu ibanga. Utora azahitamo umukandida umwe gusa, atera igikumwe cyangwa avivura mu kazu kabugenewe gakurikira akarimo ifoto y'umukandida ahaye ijwi.

## **26. N'inde wemerewe kwinjira mu cyumba cy'itora?**

Abemerewe kwinjira mu cyumba cy'itora igihe itora rrimo rikorwa ariko nta utora urimo ni:

- 1) Uje gutora;
- 2) Umwana uje gufasha utora udashoboye kwitorera ubwe;
- 3) Perezida w'ibiro by'itora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora n'Abaseseri,
- 4) Abahagarariye Komisiyo y'Ighugu y'Amatora (ku rwego rw'Umurenge, urw'Akarere, urw'Intara/Umujiyi wa Kigali no ku rwego rw'Ighugu) bafite ibibaranga;
- 5) Abahagarariye Abakandida batanzwe n'Imitwe ya Politiki, n'Amashyirahamwe y'Imitwe ya Politiki cyangwa abakandida bigenga bafite ibibaranga n'ibyemezo bahawe n'ababatumye;
- 6) Indorerezi z'amatora zabiherewe uburenganzira na Komisiyo y'Ighugu n'Amatora.

## **27. Ni ibihe byangombwa uje gutora yitwaza?**

Buri muntu wanditse ku ilisiti y'itora yemererwa gutora ari uko yerekanye ikimuranga n'ikarita y'itora bye. Iyo adafite kimwe muri ibyo, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora amwemerera gutora hamaze gukorwa igenzura.

## **28. Ni bande bemerewe gutorera aho batiyandikishije?**

Abemerewe gutorera aho batiyandikishije kubera imirimo bakora ariko bigakorerwa inyandikomvugo ni aba bakurikira:

- 1) Abashinzwe umutekano bari mu kazi;
- 2) Abanyamakuru bakurikirana igikorwa cy'amatora bafite ikanita ibaranga;
- 3) Abashinzwe imirimo y'amatora bashyizweho na Komisiyo y'Ighugu y'Amatora kandi bafite ibibaranga;
- 4) Abaganga cyangwa abakora imirimo y'ubutabazi bari mu kazi;
- 5) Abari mu butumwa bw'akazi barimo n'abahagarariye Imitwe ya Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa abahagarariye abakandida;
- 6) Indorerezi z'Abanyarwanda zujuje ibisabwa;
- 7) Umunyarwanda uje mu Rwanda mu gihe cy'amatora ariko yariyandikishije ku ilisiti y'itora yo muri Ambasade y'u Rwanda iri mu gihugu yarimo amaze kwerekana ikanita y'itora, urupapuro rw'inzira, n'icyemezo cyatanzwe n'abashinzwe kuyobora amatora muri Ambasade y'aho abarizwa;

- 8) Umunyarwanda wiyandikishije mu gihugu, amatora akagera ari hanze y'Igihugu yemerewe gutora aho ari yerekanye ikanira y'itora n'urupapuro rw'inzira.

### **29. Nyuma yo gutora imyanya y'Abadepite rusange 53 isaranganywa ite?**

- 1) Umutwe wa Politiki cyangwa umukandida wigenga wabonye nibura 5% by'amajwi y'abatoye neza ni bo babona umwanya cyangwa imyanya mu Nteko Ishinga Amategeko.
- 2) Umukandida wigenga wabonye nibura 5% by'amajwi y'abatoye neza, agenerwa umwanya umwe gusa;
- 3) Imitwe ya Politiki isaranganywa imyanya isigaye hakurikijwe uko yagiye irushanya amajwi, hamaze kuvamo imyanya yegukanywe n'abakandida bigenga;
- 4) Umubare w'imyanya ihabwa buri lisiti uboneka bagabanyije umubare w'amajwi iyo lisiti yabonye n'umubare fatizo w'itora.

Umubare fatizo w'itora uboneka bagabanyije igiteranyo cy'amajwi ya buri lisiti yabonye nibura atanu ku ijana (5%) by'amajwi n'umubare w'imyanya isigaye havuyemo iy'abakandida bigenga.

Imyanya isigaye igabanya amalisiti hakurikijwe uko umubare w'amajwi asigara ugenda urutana. Mu gihe hasigaye umwanya umwe ugomba gutangwa kandi amalisiti yagize umubare ungana w'amajwi asaguka, uwo umwanya uhabwa ilisiti yagize umubare munini w'amajwi.

### **30. Inteko Ishinga Amategeko igizwe n'imitwe inga?**

Inteko Ishinga Amategeko igizwe n'Imitwe ibiri (2): Umutwe w'Abadepite na Sena. Buri mutwe uterana ukwawo keretse iyo hari ibibazo Itegeko Nshinga cyangwa andi mategeko bitegeka imitwe yombi gusuzumira hamwe cyangwa igihe hari imihango y'Igihugu igomba kwitabirwa.

### **31. Inshingano z'ibanke z'Inteko Ishinga Amategeko ni izihe?**

Inshingano y'ibanke y'Inteko Ishinga Amategeko ni ugushyiraho amategeko no kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma mu izina ry'abanyarwanda, hagamijwe iterambere ry'Igihugu.

### **32. Inshingano z'Umutwe w'Abadepite ni izihe?**

Inshingano z'Umutwe w'Abadepite ni izikurikira:

- Gushyiraho amategeko;
- Kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma;
- Guhagararira abaturage.

### **33. Inshingano za Sena ni izihe?**

Inshingano za Sena ni izikurikira:

- Kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma;
- Guhagararira abaturage;
- Gushyiraho no kwemeza bamwe mu bayobozi bo mu Nzego za Leta;

- Kugenzura ishyirwa mu bikorwa by'amahame remezo u Rwanda rugenderaho, avugwa mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 18/05/2018**



**Prof. KALISA MBANDA**  
**Perezida wa Komkosiyo y'Ighugu**